



Inkingi Forces Démocratiques Unifiées United Democratic Forces

☎ ++ (250) 728636000 ✉ Fdu.inkingi.rwa@gmail.com

www.fdu-rwanda.com - www.victoire-ingabire.com

Kigali – Rwanda

“Pour un Etat de Droit, la Démocratie et l’Egalité de chances”; “For the rule of law, democracy and equal opportunity”

Komite nshingwabikorwa y’agateganyo ya FDU-Inkingi irabeshyuzwa ibihuha byo kwitandukanya na Komite Mpuzabikorwa

Ubuyobozi bwa komite Nshingwabikorwa y’agateganyo buramaganira kure itangazo ryasohotse riyitirirwa tariki ya 17 Nyakanga 2013 ,rivuga ko iyo komite yaba yitandukaniye « n’agatsiko kayobowe na Nkiko Nsengimana ». Nta gatsiko tuzi kayobowe na Nkiko Nsengimana icyo tuzi muri FDU-Inkingi ni uko Nkiko Nsengimana ari umuyobozi wa komite Mpuzabikorwa.

Abashoboye gushishoza bashobora kuba babonye ko iryo tangazo ryakorewe ku mpapuro zitari n’izo Komite Nshingwabikorwa y’agateganyo ikoresha :

1. Muri entête, nk’uko bigaragara kiriya kimenyetso cya « @ » ntakiri ku mpapuro nyakuri zikoreshwa, uretse ko na numero ya telefone ubwayo ukuntu yanditse bigaragara ko atari bimwe.
2. Site ebyiri ziri munsu ya numero ya telefoni arizo www.victoire-ingabire.com na www.fdu-rwanda.com ziracuritse.
3. Impapuro kandi zakoreshejwe nta « pied de page » ziriho nk’uko bigaragara kuri uru rupapuro rukoreshwa.

Ikindi kigaragaza ko iyo nyandiko ari impimbano ni urutonde rw’abagize komite.

Komite Nshingwabikorwa y’agateganyo ya FDU-Inkingi igizwe n’abantu bakurikira :

- **Victoire Ingabire Umuhiza** : Perezidante
- **Boniface Twagirimana** : Visi-perezida
- **Sylvain Sibomana** : umunyamabanga
- **Jenny Flora Irakoze** : umubitsi
- **Fabien Twagirayezu** : umuvugizi
- **Gratien Nsabiyaemye** : ushinzwe ikangurambaga rubyiruko na politiki
- **Madeleine Mukamana** : Ushinzwe uburinganire n’imiberehomyiza y’abaturage.

Komite Nshingwabikorwa yongeye kumenyesha abanyarwanda n’abakunda ishyamba ryacu ko ibihe turimo bisaba ubwumvikane n’ingufu z’abarwanashya haba hanze y’igihugu n’abari

☎ (+250) 728636000 ✉ Fdu.inkingi.rwa@gmail.com

www.fdu-inkingi.org - www.victoire-ingabire.com - **Donation**: <http://www.fdu-rwanda.com/donation>

Join us on **Facebook**: <http://www.facebook.com/pages/Victoire-Ingabire-Umuhoza-for-President/109504816547>- Watch us on **YouTube**:<http://www.youtube.com/user/FDUInkingi123>- Follow us on **Twitter**: <http://twitter.com/VictoireUmuhoza>

us on **Twitter**: <http://twitter.com/VictoireUmuhoza>

mu gihugu. Ntabwo ari igihe cyo guta igihe mu mpuha zidafite icyo zungura ishyaka ndetse zidafite icyo zifasha haba mu kwiyubaka kw'ishyaka ndetse no kugera ku ntego riyiyemeje zo kubohora abanyarwanda ribasubiza uburenganzira bambuwe n'ubutegetsu bw'igitugu bwa FPR Inkotanyi. Nitwime amatwi rero abashaka kuducamo ibice dukomeze gahunda yacu twiyemeje.

Bikorewe i Kigali, tariki ya 18 Nyakanga 2013.

FDU-INKINGI

Boniface Twagirimana

Visi Perezida w'agateganyo